RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD

ITANGAZO RUSANGE

RIREBA SOSIYETE Z'UBUCURUZI RIREBANA N'AMAKURU YA NYIRI INYUNGU NYAWE

Ashingiye ku **Itegeko No 007/2021** ryo kuwa **05/02/2021** rigenga amasosiyete y'ubucuruzi nkuko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu **n'Itegeko No 019/2023** ryo ku wa **30/03/2023**, Umwanditsi Mukuru aributsa sosiyete zose zanditse ndetse n'abasaba kwandikisha sosiyete nshya ko ari itegeko gutanga amakuru ajyanye na nyiri inyungu nyawe banyuze kuri uru rubuga https://bo.rdb.rw no kuyabika ku cyicaro cya sosiyete.

Abasaba kwandikisha sosiyete cyangwa kwandikisha impinduka muri sosiyete zanditse baramenyeshwa ko ibyo basaba bizasuzumwa ari uko bamaze gutanga amakuru ya ba nyiri inyungu nyabo banyuze ku rubuga rwatanzwe haruguru.

Sosiyete zisanzwe zanditse zikaba zisabwa kuba zatanze amakuru yaba nyiri inyungu nyabo zinyuze ku rubuga rwavuzwe haruguru bitarenze ku wa 31 Kanama 2023. Sosiyete itazabyubahiriza izahabwa ibihano biteganywa n'amategeko birimo ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi.

Ukeneye ibisobanuro birambuye, yareba Itegeko ryavuzwe haruguru ndetse n'amabwiriza yerekeranye no kumenya ba nyiri inyungu nyabo b'ibigo bifite ubuzima gatozi cyangwa ab'ubwumvikane wasanga ku rubuga rwa RDB: https://org.rdb.rw/legal-documents/

Ukeneye ubufasha ubwo ari bwo bwose cyangwa ibisobanuro bijyanye na gahunda yo gutanga amakuru ya nyiri inyungu nyawe, yatwandikira kuri imeyiri: info.registrar@rdb.rw cyangwa agahamagara nimero itishyurwa ya RDB ari yo: 1415

Kigali, 26/07/2023.